

NGWINO, NKURIKIRA

 Rero, oya, ibyo byabaye mbere y'uko Becky avuka. Nanjye rero—Natekereje nti: “Rero, murabizi. . .” Jye—njyewe ndya igikombe cy'ingano, kigura amasentimu icumi. Ni byo, njye gusa. . . Bampa itike yanjye, bakayisinyaho gusa, murareba, kandi narayishyuye, ndayisubiza, maze ndayitanga, kuko nari mfite konti y'amafaranga yakoreshejwe.

² Nuko umunsi umwe ubwo twagiraga i—inama n'abanyerondo. “Mbega,” baravuze bati, “Uyu mupfapfa wahindutse ikintu nk'icyo ni nde?” Murabyumva? Mu—murabizi, umuyobozi w'itsinda ni we wavuze ati: “Amasentime icumi yo gufata ifunguro rya mu gitondo?” Rero ibyo bisa nk'aho bihindutse cyane ku bandi bagenzi, murabizi. Bamwe muri bo batanze idorari, murabona; amadorari abiri yo gufata ifunguro rya nimugoroba. Kandi ndabigarukaho neza neza uko byari bimeze.

³ Naravuze nti: “Noneho, nta mpamvu yo kuyabasubiza. . . Nakora iki ndamutse ndira gusa, amasentime icumi?”

⁴ Bwana Fields, wari umuyobozi wungirije, yavuze ati: “Billy, shyiramo idorari, uko byagenda kose, byibuze.” Yaravuze ati: “Ibyo ni byo n'abandi bose barimo gukora.” Yaravuze ati: “Mugomba kuyashyira hamwe.”

⁵ “Ni byo,” Naravuze nti: “Jye—sinigera ndya uretse gusa igikombe cya polici, kandi ni cyo nsabwa.”

Yaravuze ati: “Oh, ntugakore ibyo, na rimwe.”

⁶ Noneho, naratekereje nti: “Nzayamaza iki?” Nuko nishyura amasentime mirongo itanu ku ifunguro rya mu gitondo. Hanyuma mfataho amasentime mirongo ine, iyo nshaka kuyakoresha ikintu icyo ari cyo cyose, nari kuyaha abana bamwe bo mu muhanda; hari abana bamwe, murabizi, basaga n'aho bakeneye agace gato ka sandwich. Ni byo, nibwiraga ko wenda nagombaga kugira. . . Ni byo, iyo yari kompanyi, ubwayo, yanganirizaga gutyo. Uwo yari umugabo utabarizwa mu itsinda.

Rero, naribwiye nti: “Wenda nanjye—hari ikintu nakoze kitari cyiza.”

⁷ Vuba aha nta gihe gishize, ndi kumwe n'ushinzwe umutekano. . . Ubu bagenzura bakoresheje kajugujugu, murabyumva. Yaraje maze arahagarara. Aravuga ati: “Aravuga, Mwene Data Branham,” yaravuze ati: “iki giti kirimo gukura.”

Ndavuga nti: “Yego.” Ndavuga nti: “Abana bakinira muni yacyo hanze hariya.”

Aravuga ati: “Ese dushobora kugikata amashami?”

Ndavuga nti: “Yego, ariko ntimugiteme. Murabona?”

Aravuga ati: “Twashakaga kugitema. Turaza kukikwishyura.”

⁸ Ndavuga nti: “Oya. Oya. Sinshaka ko mugitema.” Rero, nzi amategeko agenga uburenganzira buciye mu nzira nziza, nanjye, murabizi, kuko nari nyamazemo imyaka irindwi. Ndavuga nti: “Oya.” Ndavuga nti: “Ntushaka ko gitemwa, ariko wowe ushobora kugikata amashami.” Ndavuga nti: “Jyewe—jyewe ndagikata amashami, ariko nkireke”, Ndavuga nti: “Nimubikore. Mushobora kugikata amashami niba mubyifuza.” Ndavuga nti: “Jyewe, Mwene Data Wood na njye, turimo kwitegura kugikata amashami. Turakata n’ibi bindi byose biri hano.” Maze ndavuga nti: “Ariko twifuzaga ko kiguma aho kubera abana, Joe hamwe na bo, murabizi, abana bato bakinira muni y’icyo giti.”

⁹ Nagiye mu rugendo. Ngarutse, nasanze bagikereye maze bagikiraho. Yewe, mbega ikirego cyari kuba kuri kompanyi, murabona, cyo gutema icyo giti, murabona. Nuko rero ndibwira nti: “Noneho,” Naravuze nti: “Mwami, nta n’ubwo ndi bubivugeho.” Murabona? “Iyo hari ikintu icyo ari cyo cyose na—njyewe na, kuri ibyo, rimwe na rimwe njyayo, kurira amasentime angana n’icumi gusa, kandi ugomba gushyiramo ‘amasentime mirongo itanu.’” Murabona? Naravuze nti: “Niba hari ikintu kigeretse kuri ibyo, reka kiyazamure, murabona, ayo—ayo na—ayo nayashyizemo, murabona. Ayo na...” Nuko kuva ubwo naretse kurota kuba muri Kompanyi Ishinzwe Abakozi ba Leta, murabona, kuko byagombaga kuyigiraho ingaruka.

Tugomba kwitondera ibyo dukora. Tuzahura na byo umunsi umwe.

¹⁰ Bana, muze hano. Mama wanyu yaragiye, undi muni, Trudy. Nkeka ko mutari, ntabwo mwari mubizi. Iki ni ikintu gitunguranye, ndabibona. Kandi muritegura kurangiza amasomo. Kandi twakoze uru rugendo hano turi kumwe. Ndaza kujya mu materaniro ubungubu, tukirangiza aya materaniro. Turahita dutaha.

¹¹ Natekereje ko ari umwanya mwiza wo kuganira namwe mwese, hanyuma nanone ntekereza ko byaba byiza kuganira n’abana gato mbere y’uko murangiza amasomo yanyu. Turasoma umurongo umwe muri Bibiliya, hanyuma mbabwire ibindi ku mutima, mu gihe cy’iminota icumi. Ndasinzirira aho mutari. Murabona?

¹² Mbere y’uko mvugana n’abana, ndifuza kuganira n’abantu bakuru umunota umwe, namwe mwese. Ubu, noneho, wenda rwari urugendo rusaba imbaraga, ni ko rwari ruri. Ariko mu bunararibonye nigiye ku Mana, ntabwo nafata amatorari ibihumbi icumi kubera ibyo nigiye ku Mwami kuva aho ngereye

hano. Ndizera by'ukuri ko nza numviye itegeko ry'Imana Ishobora byose mu buryo bwuzuye, kandi ni—nizeye ko nshobora kuguma muri ubwo buryo. Kandi hari . . .

¹³ Ubwo nazaga, hari ikintu kimwe, cyabaye kubera iyerekwa, ko nari mpagaze haruguru ya Tucson hano hejuru ubwo—ha—haturikaga igisasu. Mwene Data Fred yari ahari ubwo byatangiraga. Kandi bafashe iyo foto ubu, murabizi, mu kirere. Kandi sinabitekerejeho cyane, sinigeze na gato mbyitaho. Bityo byatangiye kunshimisha mu buryo bumwe, ejobundi. Kandi Mwene Data Norman, se wa Norma uri hano, yarambwiye, yaravuze ati: “Ese wabibonye?”

¹⁴ Kandi ubwo narebaga, hari Abamalayika basobanutse neza uko Bashoboye kose, bari ahongaho kuri iyo shusho. Murabona? Nitegereje igihe byabaga, kandi byari igihe kimwe, nko mu muni umwe cyangwa ibiri mbere yaho, cyangwa umunsi umwe cyangwa ibiri nyuma y'uko mva hariya. Narebye aho byari biri. “Mu Majyaruguru y'uburasirazuba bwa Flagstaff, cyangwa Prescott, iri muni ya Flagstaff.” Ubwo ni ho twari tugeze, murareba, ni aho neza neza.

¹⁵ “Mu bilometero makumyabiri na bitandatu by'uburebure.” Kubera ko, umwuka ntushobora kurenga—kurenga kilometero enye, enye, cyangwa eshanu, haba hari urume, ubwoko ubwo aribwo bwose bw'igihu cyangwa ikindi kintu, murabona. Indege zigurukira ku bihumbi cumi n'icyenda. Ibyo ni ukugira ngo zizamuke hejuru y'ibicu byose, murabona. Kandi ibihumbi cumi n'icyenda ni nko mu birometero bine by'uburebure. Biba biri ku burebure bwa kilometero 26, n'uburebure bwa kilometero 30 hejuru yabyo, kandi byari mu ishusho ya piramide, niba mwararebye neza ku ifoto.

¹⁶ Kandi iburyo, nk'uko nabibabwiye, nahabonye, uwo Malayika, ahahagaze. Nguwo, ashyize igituza hejuru, amababa inyuma, arinjira neza neza uko byari bimeze. Sinigeze mbibona ubwo mbere Ba . . . Hari hari ibintu byinshi cyane.

¹⁷ Ubwo nari ngeze mu muhanda undi muni, hari ikintu cyabaye kimbwira ku byerekeye ikintu na—nagombaga gukora. Kandi ni—ntabwo ari ubutumwa bwanjye.

¹⁸ Igihe kimwe, Leo Mercier yaravuze ati: “Mwene Data Branham, igihe kizagera nyuma y'ibi,” aravuga ngo, mu myaka itanu cyangwa itandatu ishize, wenda irindwi, ati: “Umwami azahindura umurimo wawe, Mwene Data Branham.” Kandi aravuga ati, “Iyo Abikoze, ushobora gusanga utonze umurongo ku bitaro, kandi ukabivugira ku bi—ku bitanda n'ibindi.” Ntabwo byumvikanaga neza, n'ubwo nizera ko Mwene Data Leo yageragezaga kubivugaho atabeshya.

¹⁹ Ariko ntibyumvikanaga neza, kuko, murabona, Umwami wacu Yesu ntiyigeze abikora. Murareba? Nuko Ajya mu bitaro. Hari umuntu umwe wari muri ibyo bitaro. Muribuka aho byari

biri muri Bibiliya? Ikidendezi cya Betesida. Abantu benshi cyane bamugaye bari baryamye ahongaho, abafite ubumuga, abacumbagira, abafite ubumuga bwo kutabona, abarwaye imbasa, bategereje Malayika. Noneho, aho hari mu bitaro by'umwuka aho abantu bategereje gukiza kw'Imana. Kandi hano Ukiza indwara uturutse mu Ijuru We ubwe yarinjiye akiza umwe muri bo maze arigendera. Rero ntabwo wakwitega ko umuntu upfa, cyangwa umurimo uza guryo, habaho umwiza kuwuruta. Murabona? Sinashoboraga kwemeranya na byo.

²⁰ Ariko ubwo natangiraga guhindukira, Umwuka Wera wanjeho. Nasabye Leo ikaramu. Mfata urupapuro, ndabyandika. Biri mu ikamyo ye uyu muni, niba ukiri aho iri. Ni ya kamyo ishaje ya aluminiyumu aho mbika ibikoresho byo gupakira. Neza nk'uko mwinjira mu muryango, hari akabati ku ruhande rw'iburyo, neza imbere y'ikamyo. Karambitse muni yayo. Nagashyize hejuru yayo. Ndavuga nti: "Umuni umwe ushobora kuyikuramo. Imana ntabwo izigera ihindura umurimo, ariko izahindura umuntu ufite umurimo." Ibyo ni byo bigomba gukorwa.

²¹ Murabona, nnyewe—nnyewe nzi icyo ngomba gukora, ariko nnyewe—nnyewe—sinshobora, sinshobora kubikora uko ndi ubu. Kuko, ngomba... Hari ikintu kigomba kubaho muri nje, kizasaba Imana kubikora.

²² Tugamije gusubira mu rugo. Abana bakumbuye iwabo, bose barashaka gusubirayo. Rero ndimo gutekereza kubasubiza iwabo, Imana nibishaka, wenda nyuma y'iteraniro ryo ku wa Gatandatu, bazataha. Bave ahongaho, simbizi. Ariko nzi neza ko mu gihe cyose icyo kintu kikimara kuba muri nje, gituma numva mu bantu ikintu gitandukanye n'uko nari ndimo kubibona ubu. Nari naranze a—abantu, murabona, nanjye—sinashakaga kongera kugira icyo nkorana na bo. Murabizi icyo nshaka kuvuga, icyo nita *Ricky, Ricketta*, bari bafite ibintu bari barakoze. Nabwirije mbikuye ku mutima, kandi Imana yari yarabemeje mu buryo bwose. "Kandi niba batarashakaga kubyemera, ni ukubera iki, mubihorere noneho."

²³ Nari ndimo kujyayo, kugira ngo nfatanye na Bud muri uyu muhindo uri imbere, no gutangira kwitegura. Ntegerereza mu butayu, maze umusatsi wanjye n'ubwanwa byanjye birakura. Kandi iyo Uwiteka ashaka ko ngera ahantu hose, anyohereza ubutumwa, maze nkajyayo nkabikora.

²⁴ Kandi ubwo twari mu nzira, tuje mu minsi ishize, Yarampagaritse. Kandi nabonye aho... icyo nari ngiye kugeraho. Ndi—ndi mu nzira yanjye hari icyo ngiye kugeraho nonaha. Kandi nibwiraga ko, ningera mu rugo, nzakora icyo twita ikiganiro kiva ku mutima kijya ku wundi, wenda nkagishyira kuri kaseti, hanyuma ubwo kugira ngo rubanda rubone impamvu y'impinduka zitunguranye.

²⁵ Noneho, mwa bana mwe, mureke tuvuge gusa... Mureke dusenge gato.

²⁶ Mwami Yesu, turagushimira kubw'iki gihe, no kumenya ko duteraniye hano, abato n'abakuru, n'abari mu kigero cyo hagati. Kandi twarateranye, muri uru ruhande rw'Iteka ryose, twongera kuvuga Ibyawe no ku byerekeye Ubugingo budashira.

²⁷ Kandi aba bakiri bato bari hano muri iri joro, bamwe muri bo barimo kwitegura kurangiza amasomo, abandi barayarangije. Ariko mbona ko, Mwami, hari ikintu cyabaye amasaha make mbere y'uko iryo hungabana rikomeye riba, cyangwa guturika gukomeye kuba, byari byabereye ku musozi uri hejuru ahongaho, mu majyaruguru ya Tucson, igihe Abamalayika b'Uwiteka bamanukaga. Ndibuka ibyavuzwe, kandi—cyane cyane ku rubyiruko. Ndagusaba, Mwami, ngo udufashe gusobanukirwa. Kandi reka mbashe kugira icyo mvuga kuri uru rubyiruko, iri joro, kizabafasha mu rugendo. Kuko, Mwami, twese dukeneye ubwo bufasha muri iki gihe.

²⁸ Duhere umugisha hamwe. Tubabarire ibyaha byacu. Kandi niba hari ikintu twakoze kuva twagera hano kitagushimishije, turagusaba imbabazi. Kuko tuzi, uyu muni, ko nta—nta gihamya cy'ejo hazaza. Ntituzi icyo ejo hazaza hazazana. Tugomba kwitegura uyu muni ko ejo tuzahura. Kandi, Mana Data, hari uburyo bumwe gusa tuzi bwo kubikora, ni ukwitegura kukubona, kuko nyuma y'igihe gito turaza kumenya ko twese tugiye kubikora. Kandi tugomba guhura nabyo igihe runaka, haba mu mahoro, nk'inshuti cyangwa nk'umwana, cyangwa nk'umwanzu. Ntibikabeho, Mwami, ko twaba turi ikindi kintu cyose kitari abana bawe ukunda. Bitwemerere, tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

²⁹ Uyu muni, ubwo natemaga ibyatsi bibi, mu gitondo cya kare cyane, nabonye ahantu muri Bibiliya, Nibwiraga ko byaba byiza kuhasoma aka kanya. Kandi ni... bishobora kuba bidakwiye cyane, ariko natekereje gusa... gusa—gusa iminota mike, kugira ngo tuganire. Ndashaka gusoma ibi mu gice cya 18 cya Mutagatifu Luka. Abanditsi b'Ivanjiri uko ari bane babyanditseho. Igice cya 18 n'umurongo wa 18.

Umutware umwe aramubaza ati: “Mwigisha mwiza, nkore nte ngo mbone kuragwa ubugingo buhoraho?”

Yesu na we aramusubiza ati: “Unyitira iki mwiza? Nta mwiza keretse umwe, ni Mana.”

Uzi amategeko ngo: “Ntugasambane, Ntukice, ntukibe, ntukabeshyere abandi, wubahe so na... nyoko.”

Nuko... aramubwira ati: “Ayo yose narayitondeye, uhereye mu buto bwanjye.”

Yesu yumvise ibyo aramubwira ati: “Noneho usigaje kimwe: ibyo ufite byose . . . ufite, ubigurishe maze ubihe abakene, . . . ni bwo uzagira ubutunzi mu Ijuru . . . Uhere ko uze unkurikire.

³⁰ Ndatekerezwa ko ijamba ari, *Ngwino Nkurikira*, Iyo ni yo nama nziza natanga iyo nza kuba ndimo kuganira n’abana ibihumbi icumi, cyangwa iyo nza kuvuga icyo ndi cyo gusa. Ni itegeko, kandi ni cyo kintu gikomeye cyane nibwira ko cyigeze gihabwa umuntu uwo ari we wese, cyane cyane umuntu ukiri muto, “Nkurikira.”

³¹ Ugiye gukurikira umuntu. Noneho, gusa . . . Ushobora kubiyibuka. Ugiye gukurikira umuntu. Kandi uburyo ukurikira uwo muntu, ugomba kumenya neza uwo uwo muntu akurikira. Murareba? Twebwe . . .

³² Igihe kimwe Pawulo yaravuze ati: “Nimunkurikire nk’uko nanjye nkurikira Kristo.” Mu yandi magambo, “Nk’uko nanjye nkurikira Kristo, namwe munkurikire.”

³³ Noneho, muri iki gihe cy’impinduka, ibi—iki ni icyiciro cy’ubuzima aho twese tugana. Kandi incuro nyinshi mwanyumvise ndangurura cyane kuri *Ricky, Ricketta*, n’abandi. Ni cyo gihe. Ni cyo gihe turimo. Mu by’ukuri si abo bantu.

³⁴ Abo bantu ni abantu nkatwe. Abo bana bari hano bafite izi modoka zihuta cyane, ziruka zizamuka zimanuka mu muhanda, kandi bagakomeza urugendo rwabo, banywa itabi kandi banywa inzoga, n’abakobwa bambara mu buryo buteye isoni, n’ibindi, abo ni abakobwa n’abahungu nk’uko natwe tumaze. Murabona? Ni abantu. Barakunda. Bararya. Baranywa. Barasinzira. Barahumeka. Bagomba gupfa. Ni abantu nkatwe. Nyamara kandi bagiye . . .

³⁵ Bari bafite umwuka mubi. Batabizi. Ntabwo ari ukubera i—i by’abantu, ahubwo ni ukubera ko, rimwe na rimwe, abayobozi bamwe bakurikiraga babayoboye mu nzira itari yo.

³⁶ Noneho, mwebwe abakobwa n’abahungu murabizi neza kubarusha. Murabizi. Mwigishijwe neza kubarusha. Mufite ababyeyi beza, imyitoto myiza kuruta gukora ikintu nk’icyo. Murabizi neza.

³⁷ Ariko si ko bimeze, murabona, kuko amatorero bajyamo ari amatorero agezweho, agendana n’ibigazweho. Kandi bo—bishimira kubaho uko bukeye, barushaho kumenyekanana. Kandi, yewe, mbega! Ni iki . . . Amahame y’umuco ababera indangagaciro. Murabona? None se, ni iki . . . Nk’uko nabivuze rimwe, mu ikinamico nabonye hano, vuba aha, ivuga kuri Sodoma na Gomora, ko uyu mugore wari wahanzeho n’amadayimoni yabwiye—yabwiye Loti ati: “Icyo wita ko ari ikizira, njye nkita indangagaciro.”

38 Yesu yaravuze ati: “Nk’uko byari bimeze mu gihe cya Nowa, ni ko bizagenda no mu gihe cyo kuza k’Umwana w’umuntu.” Rero twongeye kugaruka aho hantu nanone.

39 Reka turebe uyu mugabo twasomye, mu minota mike. Nta gushidikanya ko uyu mwana yavukiye mu rugo rwiza, nk’uko namwe bana mumeze. Yarezwe n’ababyeyi beza. Kuko, byarabigaragaje, igihe Yesu yamugezagaho amategako y’Imana. Yaravuze ati: “Nabikurikije kuva nkiri muto.” Byagaragaje ko yari abifite yari—yari amaze—yari yararezwe neza. Ntabwo yari umuntu ufatwa nk’umuntu udasanze. Kandi murabizi, we—we yari yararerewe kumenya icyiza, nk’uko abana nkamwe mumeze. Birashoboka ko yavutse kuri mama na papa bubaha Imana, kugira ngo—kuri—kumwigisha neza, akiri umwana. Ibyo ni byiza.

40 Ahari akiri umwana muto, nyina yari afite intego zikomeye z’uko umunsi umwe azaba umugabo ukomeye. Se yari afite agaciro k’amafaranga, byashoboraga kumutoza no—no kumuha uburere bushoboka...yari kuza afite amashuri meza kandi akabasha kuba umuntu ukomeye ku isi. Kandi n’umurava w’uyu mumama n’umupapa, mu kwigisha uyu mwana, kandi wenda akagera mu gihe cye cyo kurangiza amasomo nk’uko namwe mubigenza, murabona, igihe yanyuraga mu ishuri kandi akabona uburere. Nta gushidikanya ko wenda ryari ishema n’ibyishimo bya—by’ubuzima bw’uwo mumama n’umupapa. Nta gushidikanya, muri icyo minsi, yari afite amafarashi meza, nk’uko namwe mufite imodoka, kandi mama na papa beza namwe mwese murabafite, ni bo babitaho, muhabwa imyenda myiza, na—n’imodoka, kandi mushobora...kandi mwishimiye ubuzima, ikintu nk’icyo mufite uyu munsi.

41 Kandi papa na mama hamwe no...gusenga ubudasiba basaba ko—ko umuhungu wabo ataba umuntu usanzwe gusa, ko yaba umugabo udasanze. Ababyeyi bese barabyifuza. Ese mwumvise Yesu avuga kuri iryo tegeko ngo: “Wubahe so na nyoko,” hanyuma bigahagarara? Murabona? Kandi icyo ni cyo cyifuzo cy’umubyeyi uwo ari we wese, cyo gukorera abana be ibyiza, uko bashoboye, bakabaha ubumenyi, bakabaha ibintu wenda badashoboye no kubona. Uko ni ko numva nagirira abana banjye.

42 Ndatekerezwa ko, rimwe na rimwe, mu kujya ku ishuri, ubu; Ndatekerezwa ko, nakohereza Becky na Sarah na Joseph muri aya mashuri yisumbuye n’ibindi, ese aho ibi byose birimo kubera ni he? Ndatekerezwa ko nzabafata nkabasubiza ku musozi, kandi—kandi nkabarerera ahongaho hamwe na...nk’uko Abahinde babaho.

43 Ariko dore hano icyo ari cyo. Ibiri mu mwana bigiye gusohoka. Aho byaba biri hose, bigomba kugaragara. Niba ari ikibi kimurimo, kizagaragarira mu nkambi y’Abahinde. Niba

ari icyiza kirimo, kizagaragarira mu nkambi iyo ari yo yose. Murabona? Ni ibiri mu mwana, imiterere y'umwana, ibiri imbere muri wowe. Kandi icyo uri cyo ubu ni cyo ushobora kuba cyo mu buzima bwawe bwose. Uri ahantu hahinduka.

⁴⁴ Murabizi? Mirongo inani na batandatu ku ijana by'abahindukiriye Yesu Kristo babikora mbere y'imyaka makumyabiri n'umwe. Irabyerekana. Imibare irabyerekana. Mirongo inani na gatandatu ku ijana by'abaza kuri Kristo, baza mbere y'uko bageza ku myaka makumyabiri n'umwe. Iyo umaze kurenga iyo myaka, urushaho kuba umuntu usanzwe cyangwa uhora mu nzira zawe. Yego, birashoboka, yego. Hari abaza bafite imyaka mirongo irindwi, mirongo inani, ariko ni gake cyane. Murareba?

⁴⁵ Wiyubaka ukiri muto. Ushyira intego zawe ku cyo ushaka kukora, n'icyo ugerageza kugeraho mu buzima. Ubitekerezaho. Kandi nk'uko ubitekerezaho, birumvikana, ubwonko bwawe, ibyo biza mu mutwe wawe kubw'ikintu kitazwi ki—kigenga ubwenge bwawe. Hanyuma iyo ibyo bigiye mu mutwe wawe, noneho urabivuga, ko ugiye kubikora. Hanyuma ibyifuzo byawe bikagutera kubigeraho.

⁴⁶ Rero, uyu mumama n'umupapa, icyo biteze kuri uyu musore...i ibyifuzo bye byo kuba akomeye; n'amafaranga ahagije yo kubigeraho. Hanyuma, nta gushidikanya, barasenze ngo uyu—igihagararo cy'uyu musore ki—kibone ayo mahirwe. Murabona, ba—bari bakoze ibyo bashoboye byose. Ashobora kuba afite amafarashi meza, kandi—kandi wenda yari akunzwe cyane n'abagore.

⁴⁷ Kandi icyaba ku mugabo, cyaba no ku mugore, ni magirirane, murabona, kuko turimo kuvuga ku buzima bw'abantu, ubugingo, bombi abagabo n'abagore.

⁴⁸ Hanyuma, nyuma y'aya mahirwe yose umuhungu yagize, murabona, yaje mu “nzira ziharuye,” ni ko tubyita, ahantu atagombaga guhangayika cyane. Ababyeyi be bari bafite amafaranga. Yari afite...Yari umuntu ukomeye cyane...Yabaye umutware. Bibiliya ibivugaho hano, ku byerekeye...nk'umutware ukiri muto kandi w'umukire. Kandi turabona...Akiri muto, wenda ari mu bwana bwe, akimara kurangiza amashuri, akimara kurangiza, wenda, ibyumweru bike mbere y'uko arangiza, cyangwa ikindi kintu, yabaye...Ni umutware, kandi yari afite ibyo imitima ye yose yashoboraga kwifuza.

⁴⁹ Kandi uwo muhungu ntiyari Ricky wo muri iki gihe. Ni umwana mwiza. Ndizera ko igihe Luka yabyandikaga, cyangwa Mariko, ndizera ko byari, Yesu yaramurebye yitsa imitima, kuko yamukundaga. Murabona? Hari ikintu kijyanye n'uyu mwana. Hari imico myiza yagendanaga n'uyu mwana. Akomoka he? Akomoka mu muryango mwiza wamwigishije amategeko

y’Imana, kandi ukabona ko ayakurikiza. Kandi yari yarabikoze, kuva mu bwana bwe.

⁵⁰ Kandi uwo muhungu yari afite intego; yashakaga Ubugingo Buhoraho. Yaravuze ati: “Mwigisha mwiza, nakora iki kugira ngo mbone Ubugingo Buhoraho?”

⁵¹ Murabona, mu byo ufite byose ku isi, nyamara ubugingo buri imbere muri wowe bukubwira ko hari ikintu ukeneye, udafite. Ubukire gusa... Cyangwa, si ngombwa ko buri gihe biba ari ubutunzi. Birashoboka ko ari, azwi cyane, umukobwa mwiza, ufite ubwiza bwe ashobora gutekerezaho. Wenda azwi cyane mu ishuri. Wenda umuhungu ashobora kubona umukobwa uwo ari we wese ashaka. Akumva ko afite umutekano. Uwo si umutekano. Ibyo bizashira nk’indabyo zo mu murima. Murabona? Bizashira. Ntabwo bizatinda. Izuba rimaze kurenga akanya gato, rigiye, hanyuma muba mufite ubugingo bugomba kubaho Iteka ryose.

⁵² Kandi uyu mwana muto agomba kuba yari afite imico myiza, kuko yiyeretse Umwami Yesu, azi ko aciye bugufi aphukamyeye. Yaravuze ati: “Mwigisha mwiza, nakora iki kugira ngo mbone Ubugingo Buhoraho?”

⁵³ Aravuga ati: “Unyitira iki mwiza,” aravuga ati: “Ubwo uzi ko hari Umwe gusa mwiza, kandi uwo akaba ari Imana?” Murabona? Ni iki umusore yagaragaje muri ibi? Ko Yari Imana. Murabona? Yaravuze ati: “Uzi amategeko. Uyakurikize.”

Aravuga ati: “Ni ayahe mategeko, Mwigisha?”

⁵⁴ Aravuga ati: “Amategeko yo ‘kubaha so na nyoko,’ n’ibindi.”

⁵⁵ Aravuga ati: “Ibi nabikoze kuva mu bwana bwanjye. Murabona, narabikoze.”

⁵⁶ Aravuga ati: “Nyamara hari ikintu kimwe ubuze. Genda ugurishe ibyo utunze, ubihe abakene, hanyuma uze unkurikire.”

⁵⁷ Mbega amahirwe! Uwo yashoboraga kuba Petero, Yakobo, cyangwa Yohana, umwe muri bo. Murabona, umwana yari yaratojwe kandi arerwa neza, kandi yashyikirijwe Kristo, kugira ngo amukoreshe mu bushobozi bwose yari afite muri we, bwo gukoresha, wenda yari yarize, akiri muto, akize, afite ububasha, aho ni ho yashoboraga kugaragaza Ubutumwa Bwiza, nyamara arabwanga. Mbega ukuntu—Mbega ukuntu byari ibintu bidasanze kuri uwo muhungu muto! Murabona?

⁵⁸ “Nkurikira.” Noneho, murabona, yagombaga gukurikira umuntu. Noneho, yagombaga gukurikiza ingaruka z’abantu yari afitanye isano nabo, ingaruka z’umukobwa ukiri muto, ingaruka zimwe na zimwe z’agatsiko k’abahungu yakoranaga na bo, bagenzi be bo ku ishuri, cyangwa agakurikira Yesu Kristo. Mu bwiza bwe bwose, nyamara yari azi ko adafite Ubugingo Buhoraho.

Bana, ni ibyo mugomba gutekerezaho. Murabona?

⁵⁹ Noneho murebe umuhungu muri iri joro, icyo yashoboraga kuba cyo, n'icyo ari cyo, icyo ari cyo muri iri joro. Ari ahantu runaka. Yari umuntu. Ari ahantu runaka. Ategereje Urubanza. Ategereje guhangana n'Urubanza kuri uwo Muni, yanze amahirwe nk'ayo mwahawe mwebwe bana bato, hafi ya byose mu bihe bimwe; abana beza, imico myiza, ba se na ba nyina beza, ibyo mufite, ntimugomba no gukora keretse mubishatse. Murabona?

⁶⁰ Ariko hari ikindi kintu kijyana n'ibyo. Hari ikintu kijyana n'ibyo. Iryo Jambo, muri iri joro, ntiripfa. Riracyari ikibazo kuri buri musore, buri mukobwa, "Nkurikira." Murabona?

⁶¹ Amagambo ntapfa. Igihe cyose uvuga ikintu icyo ari cyo cyose, ibuka gusa, yaba ari mu modoka yawe mu ibanga, yaba ari ku gicaniro cy'urusengero, yaba ari mu mfuruka y'umuhanda uri kumwe n'umuhungu cyangwa umukobwa mukundana, aho ari hose, ntabwo apfa. A—agomba kubaho iteka ryose.

⁶² Ubwo nabonaga wa mukobwa na...rya joro nari mu iyerekwa, umukobwa mwiza ukiri muto, umukinnyi wa filime wa Hollywood, kandi namubonye apfa, akabakaba, agerageza gushakisha ubufasha. Yapfuye azize indwara y'umutima, Madamazela Monroe. Kandi ibyo byabaye mu myaka ibiri ishize, maze mbona apfa. Nyuma y'iminsi ibiri yarapfuye koko.

⁶³ Hanyuma, mu ijoro rikurikiyeho, naje kumva ijwi ry'uwo mukobwa. Gute? Abana bari bambwiye bati: "Papa, ujye unyura kuri River Of No Return, igihe cyose." Baravuga bati: "Bafite ikinamico nk'iyi, iri joro." Bambwiye ko hari ijoro runaka izaba irimo, icyumweru kimwe cyangwa bibiri mbere y'igihe. Naratekereje nti: "Ndashaka kuyibona, kuko nagiye kuri urwo ruzi, inshuro ebyiri cyangwa eshatu; ndakeka ko, ari nk'inshuro eshanu." Njyewe,—njyewe nifuzaga kuyireba.

⁶⁴ Kandi Madamazela Marilyn Monroe yarayikinnye. Ubwo ni we mukobwa nabonye mu iyerekwa. Kandi hariya, mu ishusho, n'ibikorwa, igikorwa cyakorewe kuri *The River Of No Return*, ubwo yafataga iyo foto, wenda mu myaka cumi n'itanu ishize. Yari ifoto ishaje, wenda mu myaka makumyabiri ishize. Kandi amaze imyaka ibiri apfuye. Kandi aracyariho, ni muzima, kuri buri gikorwa na buri jambo. Murabona? Iracyafatiwe cyane muri kaseti kugeza ubwo ikiri nzima.

⁶⁵ Si ibyo gusa, ahubwo n'ibyo tuvuga byose ni bizima. Ijambo ryose tuvuga ntirishobora gupfa. Ibinyura mu cyumba ubu ni amagambo, imiterere y'abantu. Televiziyo irabivuga. Ushobora kuvuga hano, bakakumva hirya no hino ku isi, muri iyo segonda. Mbere y'uho ubyumva muri iki cyumba, bizenguruka isi yose, hakoreshajwe ikoranabuhanga.

⁶⁶ Kandi ekara nziza y'Imana irabigaragaza. Kandi buri gikorwa cyose ukora, ugomba kugikora utegereje Urubanza.

Murabona? Rero, musore, ni byiza guhagarara, ugatekereze kuri ibi bintu, murabona, kuko uzongera guhura na byo. Murabona?

⁶⁷ Reka dukurikirane uyu musore, amahirwe yagize, maze twishyire mu mwanya we. Kandi umukobwa, kimwe na Becky na Marilyn, kimwe nawe wari uhagaze mu mwanya we, kandi washoboraga kumva iryo Jwi rikiri rizima.

⁶⁸ Riracyariho. Riracyagenda. Ubuhanga buvuga ko, “Mu myaka makumyabiri uhereye ubu, bazumva Ijwi Ryayo ry’ukuri Yavuze, mu myaka ibihumbi bibiri ishize.” Riracyariho. Nk’akabuye kagwa mu nyanja, umuraba ntujya ushira. Rijya ku nkombe, ibirometero ibihumbi, maze rigahindukira.

⁶⁹ Iyo ijwi rimaze kuvugwa mu kirere gutyo, ntirijya ripfa. Nta kintu na kimwe ushobora kuvuga ku muni w’Urubanza. Riri ahongaho. Hazabaho Ijwi rya Yesu Kristo risaba uwo musore, “Nkurikira,” maze we aritere umugongo, kuri ekara, ababaye, kuko yari atunze ibintu bikomeye. Murabona? Dushobora kuba tutari kumwe. . . Ntabwo buri gihe bigomba kuba amafaranga. Bishobora kuba ibindi bintu. Murabona? Ikintu cyose tugumana tugikunze kurusha uko dukunda ibindi byose, murabona, kiba nk’amafaranga kuri twe. Gihinduka ikintu kiduhumanya.

⁷⁰ Noneho reka tumukurikire gato. Bigenda bite iyo abiteye umugongo? Ntiyumviye iryo Jwi rya Kristo. Yajyanye n’inshuti ze.

⁷¹ Ibyo, mwebwe bana, mwese muri abana beza, kandi nta gushidikanya ko muzagira inshuti, ariko murebe ubwoko bw’inshuti mufite. Niba iyo nshuti yawe ikurikira Kristo, jyana n’iyo nshuti. Kurikira Kristo nawe. Ariko niba bitabaye ibyo, ntukabikore.

⁷² Reka turebe. Turasanga ko wenda yagumanye inshuti ze. Yabaye umutware ukomeye. icyo gihe yari umutware. Nyuma, twamusanze akize cyane kugeza ubwo we—we—we byabaye ngombwa ko yubaka ibigega by’inyongera kugira ngo ashyiremo ubutunzi bwe. Hanyuma aribwira we ubwe, amaze gusaza, kandi imihangayiko y’ubuzima bw’ubuto n’ibindi bintu byarashize, wenda, ibyo yakozwe byose, byari ukwishimisha.

⁷³ Iyo umusaza cyangwa umukecuru, nkanjye, umugore wanjye, ba mama na papa banyu, nta kintu na kimwe bashobora gutekereza. Ntibashobora, ntibashaka gusohoka kandi—no kugendagenda mu mihanda, murabizi, nk’uko—nk’uko urubwiruko rubyifuza, n’abakobwa bakiri bato. Gusohoka, n’uzaba umugore wawe cyangwa umugabo wawe, cyangwa, murabona, ibyo ntibabifite mu mutwe. Bo, bafite abana, ni bo babashishikaje. I byo ni ko bimeze kuri mwese, ejo, niba hari ejo hazaza. Ese murabyumva?

⁷⁴ Hanyuma murebe uwo mugabo, wenda hamwe. . . Wenda ntiyigeze anashaka. Ariko, yari umutware ukomeye. Nuko ahagarara ku. . .

⁷⁵ Kandi nk'uko bimeze i Yerusalemu, ariko, uyu muni, barira hejuru y'inzu, iki gihe cy'umunsi, iyo hakonje cyane, hanze nimugoroba.

Kandi dusanga ko hari undi muntu wafashwe mu ishusho ari kumwe na we: umusabirizi.

⁷⁶ Kandi uwo mugabo, kuva aho yarerewe kugeza ku—ku kubaha umuturanyi, no kugirira abandi nk'uko abandi bakugirira, murabona, mu kwanga uwo muhamagaro wa Kristo, amaherezo... Bisa nk'aho, umuhungu warerewe mu rugo nk'urwo, ntabwo yari kumucika, ariko byarabaye. Byarabaye.

⁷⁷ Kandi hari umugabo wari uryamye ku irembo, witwaga Lazaro, amusaba ibyo kurya, kandi ntiyabimuha. Yashakaga kurya utwo tuvungukira yakuyemo, ndetse no ku mukene, ahubwo no ku mbwa. Yari yuzuye ibisebe. Ariko uwo mugabo yari yaratojwe ubupfura bwinshi muri sosiyete, icyo gihe ntiyari akigira. Yabaye nk'umuntu utagira icyo akora, kuko yari yanze icyo gitambo cya Kristo.

⁷⁸ Kandi wenda umugoroba umwe, kuri iyi nshuro, ateka umugati we akoresheje divayi nziza, hamwe n'abagore beza, bafite imitako y'agaciro, bamukikije, n'ibindi nk'ibyo, n'umutima we wose wifuza, hamwe n'urukarango. Umusabirizi yari aryamye ku irembo.

⁷⁹ Mbere y'uko izuba rirasa, mu gitondo cyakurikiyeho, yari mu muriro, ataka cyane ngo Lazaro naze ashyire amazi ku rurimi rwe. Impinduka z'ibyabaye.

⁸⁰ Kandi mwitegereze, igihe yavugaga ati: "Sogokuruza Aburahamu," none, yari akibuka ko Aburahamu ari we sekuruza w'Abayahudi. Yaravuze ati: "Sogokuruza Aburahamu, ohereza uriya mukene Lazaro hano afite utuzi duke ku ntoki ze, ansige ku munwa. Ibi birimi by'umuriro birababaza cyane."

⁸¹ Nuko aravuga ati... Aburahamu aravuga ati: "Ni uko, sinshobora kubikora," mu magambo menshi cyane. "Kandi uretse ibi byose, murabona, wagize amahirwe yawe mu buzima."

⁸² Yababonye ryari? Igihe Yesu yavugaga ati: "Nkurikira." Ariko yarabyanze. Yikomereje inzira ze zo kujya gukorera amafaranga. Kandi ibyo ni byiza, nta kibi kiri mu gushaka amafaranga, ariko kurikira Yesu mu gihe ubikora. Murabona? Kandi yari yajyanye n'abandi bantu mu rundi ruhande.

⁸³ Kandi murasanga, yaravuze, na Aburahamu aravuga ati: "Uretse ibi byose, hari icyuho cyashyizweho hagati yawe na we, ko nta muntu wigeze yambuka, kandi ntazigera yambuka. Abariyo ntibashobora kuza hano, kandi aba hano ntibashobora kujyayo. Byaremejwe. Nta muntu wambuka cyangwa uzambuka."

⁸⁴ Noneho mutege amatwi. Arashaka kuba umuvugabutumwa icyo gihe. Umuhamagaro Yesu yari yamuhaye, wo—wo

kumukurikira, yari afite, kandi inyota yo kugarura ubugingo, akiri umusore, ibyo byamugarutsemo. Yibukaga ko yari afite abavandimwe batanu, kandi ko yagarutse ku isi, kandi ko atashakaga ko baba aho hantu.

⁸⁵ Aravuga ati: “Noneho ohereza Lazaro agaruke abwire bene Data ko bataza hano.” Mu yandi magambo, “Emera umuhamagaro wa, ‘Nkurikira.’” Murabona?

Ariko aravuga ati: “Bo, ntibazabikore.”

⁸⁶ Aravuga ati: “Yego, niba umuntu yazuka mu bapfuye, nka Lazaro, agasubiraye akababwira.”

⁸⁷ Murabona, bigaragaza ko, nyuma yo gupfa, muba mugifite ubwenge. Yarabyibutse. Aburahamu aravuga ati: “Mwana wanjye, ibuka, mu minsi yawe.” Murabona? Uracyabyibuka. Ntabwo wataye ubwenge. Uribuka.

⁸⁸ Maze ibyaranze umuntu yashoboraga kugira, kandi bikiri ahantu hamwe, yibuka amahirwe yagize yo kumva Yesu avuga ati: “Nkurikira.” Ariko yakurikiye umuntu utari we, abantu batari bo. Yageze mu itsinda ritari ryo, ajya ahantu hatari ho, arangiza ajya mu Iteka ritari ryo; kurimbuka kuri uwo Munsu, guturutse ku Mana iteka ryose.

⁸⁹ Yesu yavuze ijamba rikomeye ridasanzwe ati: “N’ubwo umuntu yazuka mu bapfuye agasubira mu bapfuye, ntibabyemera. Kuko, bahawe amategeko ya Mose, kandi niba badashaka kuyumva, ubwo ntibazumva habe n’ubwo umuntu yazuka mu bapfuye. Ntibazabyemera.”

⁹⁰ Kubera iki? Kubera iki? Amategeko yavuze ikintu nk’icyo? Yego. “Ujye ugirira abandi ibyo wifuza ko bakugirira.” Kandi yari yarabayeho agengwa n’amategeko. Ariko yaretse umusabirizi apfira ku irembo rye. Murabona? Yari afite—yari yarabayeho munsu y’amategeko y’Imana, nyamara yananiwe kubona ubwo Bugingo Buhoraho Bukomeye.

⁹¹ Bana, mwebwe, buri wese, musa n’abanyije. Mwebwe, buri wese, musa neza n’abahungu banjye n’abakobwa banjye. Mu buryo bumwe, urabona, uri umuntu umeze nk’umuntu wo mu buryo bw’umwuka. Ni byo koko. Umwami Imana ya—yanshyize mu maboko y’ubugingo bwanyu, kuko muza, mukantega amatwi. Muranyemera. Murabona? Kandi mu buryo bumwe bw’ijamba, muri abahungu n’abakobwa banjye. Ni byo koko.

⁹² Mwibuke buri gihe ko gukurikiza amategeko y’Imana ari ikintu gikomeye. Kurererwa mu rugo rwiza ni umurage uturuka ku Mana. Kandi kuba abana beza bafite imico nk’inyanyu, ni byiza. Ni byiza cyane, kugira amashuri. Ni byiza no kuba muri iki gihugu cy’ubuntu. Dufite ibintu byinshi byo gushimira.

⁹³ Ariko hari ikintu kimwe utaragwa. Ugomba kucyemera. Ubwo ni Ubugingo Buhoraho. Kandi ibyo uzabikora gusa

ukurikira Yesu, binyuze mu kuba waravutse ubwa kabiri. Ntukabyirengagize.

⁹⁴ Inkuru ntoya rimwe numvise ivuga ku mugabo wari umukene, yoo, yari umukene. Kandi we—yahoraga ashaka... Ni inkuru nto y'umugani, nk'uko. Ariko yahoraga ingarukamo, nyitekerezaho. Umunsi umwe yafashe ururabo. Kandi urwo rurabo rwari urw'amayobera, maze ururabo ruramusubiza ruti: "Wabaye umukene ubuzima bwawe bwose." Aravuga ati: "Noneho saba icyo ushaka cyose, uzagihabwa."

⁹⁵ Aravuga ati: "Uwo musozi wo hakurya nufunguke, maze ninjiremo imbere nsangemo zahabu."

⁹⁶ "Ni byo," rwaravuze ruti: "Ugomba kunjyana aho uzajya hose. Murabona? Ugomba kunjyana. Rero, aho nzaba ndi hose, ushobora gusaba icyo ushaka cyose."

⁹⁷ Yagiye ku musozi agenda n'amaguru, umusozi urakinguka, yinjiramo. Harimo utubati twuzuye zahabu na diyama, nk'uko inkuru nto y'umugani ibivuga. Yarambitse ururabo hasi ku—ku meza, cyangwa, ku rutare. Nuko ariruka atoragura ibuye rya zahabu rinini cyane, maze aravuga ati: "Ngomba kujya kuryereka inshuti zanjye. Ubu ndi umukire. Ubu mfite byose. Ngomba kuryerekana."

⁹⁸ Nuko rero ururabo ruravuga ruti: "Ariko," ruti: "wibagiwe ikintu cy'ingenzi."

⁹⁹ Nuko ariruka asubira inyuma ararutora, maze aravuga ati: "Wenda nza—nzabona igice cya zahabu. Nzabona igice cy'ifeza." Nuko rero aravuga ati: "Nza—ndahita nsohoka, kugira ngo mbwire abantu ukuntu ndi umukire, n'ibyo ntunze byose."

¹⁰⁰ Nuko ageze ku muryango, ururabo ruravuga ruti: "Ariko wibagiwe ikintu cy'ingenzi."

¹⁰¹ Nuko arongera ariruka asubira inyuma. Aravuga ati: "Ahangaha tuhasanga ubwoko bwose bw'ibikoreshe." Maze, atoragura ibuye. Aravuga ati: "Ngiye gufata iri buye nereke abantu ubwoko bw'ibuye uyu musozi wakozwemo, kugira ngo nshobore kubona inzira yo kuwugarukaho." Murabona?

¹⁰² Nuko ahagarara ku muryango, maze ururabo ruravuga, ku bwa... ni bwo bwa nyuma, "Wibagiwe ikintu cy'ingenzi."

"Yewe," yaravuze ati: "Yewe, ceceka."

¹⁰³ Murabona, ntiyashakaga kongera kubyumva ukundi, "Icyo yibagiwe ni ikintu cy'ingenzi," maze asohoka mu muryango yiruka. Akimara kubikora, urugi rwarikinze inyuma ye, ururabo rurimo imbere. Ikintu cy'ingenzi cyari ururabo. Murabona? Ikintu cy'ingenzi cyari ururabo.

¹⁰⁴ Mu myaka ishize, nkiri umwana, nkamwe, hano, nari ndi mu rwuri rw'inka haruguru hano, haruguru ya Phoenix. Nasomaga inyandiko ivuga ku muntu ushakisha ibintu byinshi. Icyo gihe,

nta mihanda yanyuraga hano icyo gihe, hari utuyira duto tw'umucanga gusa. Baracyakora ubushakashatsi bwinshi hano, murabizi.

¹⁰⁵ Ariko uyu mucuruzi yari yinjiye, maze abona amafaranga menshi, nuko ayora zahabu nyinshi. Kandi mu rugendo rwe rwo kwinjira, yagumye mu kazu yari yabonye aho. Kandi yari afite imbwa, nuko, i—imbwa, ayizirika hanze. Muri iryo joro, hari umugizi wa nabi wari wamukurikiye kugira ngo abone iyi zahabu. Yari yayitoraguye mu birombe bya kera bya Espagne, kandi yari agiye kuyizana. Maze imbwa itangira kumumokera.

¹⁰⁶ Kandi uwo mugabo ntiyashakaga kubuzwa amahwemo n'iyi mbwa. Aravuga ati: "Ceceka." Aravuga ati: "Ejo, nzayijyana,—mu muji." Kandi nzabikora... Isomo ry'iyi nkuru ryari iri. "Kandi nzayibona ifite ibiro byinshi, maze mbe umukire. Kandi nzagura imodoka nziza. Kandi nzagira ubwoko bwose bw'abagore n'ibirori bikomeye. Kandi nzaba umukire, kuko namaze kubyakira. Mfite zahabu hano, nyinshi cyane." Nuko aravuga ati: "Nzabikora..."

¹⁰⁷ Ubwo yageragezaga kujya kuryama, imbwa yakomezaga kumoka, kuko imbwa yabonye umugizi wa nabi azamuka, yomboka, ategereje ko umucukuzi asinzira.

¹⁰⁸ Yongeye kubyuka, imbwa irongera iramoka, aravuga ati: "Ceceka." Maze imbwa y'inkene iramoka igerageza kuburira shebuja ko akaga kari kamwugarije—kamwugarije. Kandi ubwo ya...

¹⁰⁹ Igihe gikurikiyeho, ubwo imbwa yari itangiye kumoka, umucuruzi yari afite imbunda. Ntiyashakaga kubuzwa amahwemo, nuko arabyuka arasa ya mbwa. Nuko uwo mucuruzi yicwa muri iryo joro yishwe n'umugizi wa nabi. Inzozo ze zose z'amayobera ntacyo zamumariye. Kubera iki? Yasuzuguye ijwi ryamuburiraga.

¹¹⁰ Nta muntu n'umwe ushobora kugerageza gukora ikintu icyo ari cyo cyose, mwebwe bana, ntimuzigere mukora ikintu nk'iki, nyuma yo kurerwa uko muri, keretse niba mwebwe—mwumva *Ikintu* kibabwira kutabikora. Noneho, ntimuzigere na rimwe mucecekesha iryo Jwi ribaburira.

¹¹¹ Kandi buri gihe mujye mwibuka, mwemere iryo Jwi ryavuze riti: "Nkurikira," kandi muzahore mugaragaza ukuri. Ndizera ko muzabikora, mbafitiye icyizere. Ariko buri gihe mujye mwibuka ko Yesu, iryo Jwi, ari rizima mu isi muri iri joro.

¹¹² Kimwe n'uko ijwi ryose n'ijambo ryose twavuze bikiri bizima, iyo iryo jwi rigiye ryumvikanira muri nyiramubande y'ikirere. U... Murebe, mufite umuyoboro wakira amajwi hano ukayohereza. Muri umuyoboro w'itumanaho uryohereza hanze. Noneho ufata sitasiyo kugira ngo uritware.

¹¹³ Kandi Yesu yari Umuyoboro w'Ijambo ry'Imana, kuko Yari u—u ubutatu bw'Imana bwagaragariye mu Muntu umwe. Yari Imana yuzuye n'Umuntu wuzuye.

¹¹⁴ Kandi ubutatu bw'Imana, ubutatu bw'imico y'Imana, nk'aho ari Data, Umwana, n'Umwuka Wera, byagaragarijwe muri uwo Muntu umwe, Yesu Kristo. Rero, ahongaho, Yari Ijambo.

¹¹⁵ Kandi ni We Muyoboro wavuze uti: “Uwumva wese Amagambo Yanjye, kandi akizera Uwantumye, afite Ubugingo Buhoraho.” Murabona? “Ndababwiza ukuri, uwumva wese Amagambo Yanjye akizera n'Uwantumye, aba afite Ubugingo Buhoraho.” Noneho, iryo Jambo ryavuye mu Muyoboro utwara amakuru. Yaravuze, umunsi umwe ati: “Ndababwiza ukuri, niba mbasha kubwira uyu musozi muti: ‘Shinguka aha,’ kandi ntumushidikanye mu mitima yanyu, ahubwo mukizera ko ibyo mwavuze bizasohora, mushobora kubona ibyo mwavuze.”

¹¹⁶ Noneho, niba mushobora kuba sitation ifata Ibyo, mukoresheje uburyo runaka bwo kubigenzura imbere muri mwe, mukoresheje ukwizera, Bizabinjiza mu ruziga rw'Imana, ku Ivuka rishya, no kuvuka ubwa kabiri. Ubwo muzahora muganira, kugira ngo mwumve iryo Jwi rizahora ribaburira igihe akaga kazaza. Iyo ibintu bitagenze neza, bihora ari umuburo kuri mwe. Hanyuma, aho kugira ngo umunsi umwe mube nk'uriya muhungu w'umukire tuvuga; mube abagabo nk'intumwa Petero, Pawulo, cyangwa undi muntu wagariye ubugingo kuri Yesu Kristo. Mukore ibyo, bana.

Ese dushobora gusenga?

¹¹⁷ Mwami Yezu! Rubyiruko, bagabo n'abagore, ejo hazaza, niba koko hariho ejo hazaza. Tugomba kubatoza, Mwami. Twumva uwo mutwaro, wo kubatoza nk'aho hazabaho ejo hazaza. Niba ntaho, uyu munsi ni wo munsi.

¹¹⁸ Hanyuma, Data, tuzi ko nta muntu n'umwe wemerwa imbere Yawe. Nta muntu n'umwe ushobora kwirata. Nta burezi, n'ubwo ibi bintu byaba ari byiza, nta mirimo myiza, nta kigo cyigisha iyobokamana, nta mitekerereze y'abantu, nta kintu na kimwe gishobora kwemeza Imana uretse Umwuka Wera. Ni Igikoresho, Imana Ubwayo, mu ishusho y'Ubugingo Buhoraho, gishobora kuza kuri twe ku giti cyacu. Kandi turagushimira kubw'ibi.

¹¹⁹ Mu by'ukuri byagaragajwe igihe Petero yaturaga ibyaha. Yesu aramubwira ati: “Inyama n'amaraso si byo biguhishuriye ibi. Ntiwigeze ubyiga muri seminari. Ntiwigeze ubyiga mu ishuri runaka.” Ni ikintu cy'umuntu ku giti cye, ikintu buri muntu ku giti cye agomba kwakira. Waravuze uti: “Nzubaka Kiliziya Yanjye kuri uru rutare, kandi amarembo y'ikuzimu ntazashobora kuyinyeganyeza.” Turabishimye cyane, Mwami.

¹²⁰ Iryo jwi riracyariho muri iri joro. Kandi haracyariho ubutumwa, ubutumwa bwo hanze, ubutumwa bwo gutega amatwi, uburyo bwo kwakira, bwo kwizera, bushobora

kubwemera. Turasenga ngo buri wese muri aba bana azakire Ibyo, Mwami, mu mitima yabo. Kandi wibuke ko, atari ibyo bakora kugira ngo babe beza, ahubwo ni... Imana ntiducira urubanza ku byo dukora, ahubwo iducira urubanza ku byo twemeye. Dukizwa no kwizera kwacu, ntabwo ari mu mirimo yacu. Turasenga rero, Data wo mu Ijuru, ngo barebe ibyo berekwa ubungubu, kandi murebe kandi mwumve ubwo butumire bukomeye bw'Iteka ryose, ari bwo "Ngwino nkurikira."

¹²¹ Buri wese muri bo, Mwami, ahindukire areke ibintu byose byo ku isi, ubu buzima burapfa, kandi ntibworoshye. Ubwo bari hano iri joro, n'umusatsi wabo w'umuhondo w'ibara ry'umuhondo, ndetse bamwe muri bo bafite umusatsi wabo wirabura, n'amaso yijimye, n'amaso y'ubururu, kandi biteguye mu byiza byabo byose bazahoramo.

¹²² Kandi nk'uko umwanditsi ukomeye yabivuze, "Wibuke Umuremyi wawe mu minsi y'ubuto bwawe, iminsi mibi itaragera. Ubwo rero nta munezero muzagira muri byo." Mwami Yesu, wabwiye Petero uti: "Ukiri muto, warahagurukaga ukajya aho ushaka. Ariko iyo ugeze mu za bukuru, umuntu akujyana aho udashobora kugera." Bajye bibuka, "Uyu ni wo munsu. Iki ni cyo gihe." Biduhe, Data.

¹²³ Ndasabira buri wese muri bo, kubw'umwana wanjye, hano muri iri joro, kuri buri mwana uri hano. Numva ko wabashyize mu maboko yanjye, kugira ngo mbakurikirane. Ndabasabye bese ngo have kwa Satani no mu rupfu, bajye mu Bugingo muri Yesu Kristo. Amina.

¹²⁴ Mugire umugisha, bana banjye. Nishimiye cyane kubabwira amagambo make. Kandi nzayagarukaho, Billy. Bana beza, ndabashimiye. Mwene Data Fred, Uwiteka aguhe umugisha. Uwiteka aguhe umugisha, mushiki wanjye. 

63-0601 Ngwino, Nkurikira
Inzu y'Inama
Tukisoni, Arizona Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org